



Teta



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
ANDIKA RWANDA 2019



MUMPE URUBUGA NSOME!



MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera uagenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu rukaniriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze...Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.
- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.
- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri muni, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

Teta




Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
ANDIKA RWANDA 2019



UWERA Grace, yanditse iyi nkuru afite imyaka 15, yiga mu mwaka wa 3 w'amashuri yisumbuye, mu Rwunge rw'Amashuri rwa Gakoni Catholique, Akarere ka Gatsibo, Intara y'Iburasirazuba. Iyi nkuru ye, TETA ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.



Teta ni umwana wiga mu mashuri abanza.
Yiga mu mwaka wa kabiri kandi akunda
ishuri. Atsinda amasomo ye neza ariko
akunda gutoroka ishuri.



Ishuri ryabo ryubatse hafi y'ikiyaga cya Muhazi. Mu nkengero z'icyo kiyaga hateye ibiti bitoshye. Hari kandi n'ubusitani bubereye ijisho.




Umunsi umwe bashoje ikizamini, Teta
aganira na bagenzi be babiri.
Bumvikana uko batoroka bakajya koga
mu kiyaga.



Umwarimu wabo yari arimo akosora
impapuro. Bamucunga ku jisho barigendera.
Bajya ku kiyaga batasabye uruhushya.




Bakihagera bashyira udukapu twabo hasi.
Bakuramo inkweto baja mu kiyaga.
Batangira guterana amazi bishimye
baseka cyane.



Amasaha yo gutaha ageze, abandi bana barataha. Teta na bagenzi be bari bakibereye mu kiyaga boga.



Ababyeyi ba Teta babonye abandi bana batashye bibaza aho Teta asigaye. Bari bamenyereye ko ataha mu ba mbere. Hashize umwanya, bigira inama yo kumushakisha hose.



Teta na bagenzi be barimo bidumbaguza mu kiyaga. Baridumbaguza baridumbaguzaaa, baroga bishyira kera. Nta n'umwe watekerezaga ibyo gutaha.




Teta we ntiyari amenyereye koga nka bagenzi be. Yageze aho arananirwa maze ararohama. Agerageza kuvamo biramunanira.



Bagenzi be bananirwa kumurohora kuko na bo bari bato. Bagira ubwoba, bigira inama yo gutabaza. Bigeze aho batangira kuvuza induru cyane.




Muri ako kanya hahinguka umugabo wari uje kuvoma amazi yo kuhira imyaka. Uwo mugabo yari azi koga cyane. Ahageze asanga abana barimo barira bavuzza induru.



Ajya mu mazi bwangu ahita arohora Teta.
Amugejeje ku nkombe amuryamisha hasi
atangira kumuha ubutabazi bw'ibanze.



Hashize akanya, amujyana kwa muganga kumuvuza. Mu nzira yagendaga amuhumuriza amwizeza ko ari bukire.



Bagenzi be bo bahise biruka baja
kubwira iwabo wa Teta. Ababyeyi be
bihutira kujya kumureba kwa muganga.



Teta yageze kwa muganga baramusuzuma,
basanga agomba guhabwa ibitaro.
Batangira kumwitaho.



Ababyeyi be bamubaye hafi bakajya bamuhumuriza. Birindaga kumubwira nabi nubwo yari yatorotse ishuri bikamuviramo ingorane. Bamuhaga imiti nk'uko muganga yayimwandikiye.



Hashize iminsi mike ari mu bitaro atangira koroherwa. Baramusezerera maze arataha. Teta yakomeje gutekereza ku ikosa yakoze. Yumvaga yigaye cyane kandi afite inkomanga ku mutima.



Bageze mu rugo, yiyemeza gusaba ababyeyi be imbabazi. Arababwira ati: “Mumbabarire sinzongera gutoroka ishuri ukundi.”



Ababyeyi be bamutega amatwi baramubabarira. Bamusaba kutazongera gutoroka ishuri. Banamubwira ko agomba kuba intangarugero muri bagenzi be.



Teta yumvise ibyo ababyeyi be bamubwiye arishima cyane. Ahita ahobera se na nyina kubera imbabazi bamuhaye.



Ababyeyi ba Teta baranezerwa cyane.
Bashimishwa no kumva umwana wabo
ababwiye ko atazongera.



Kuva ubwo, Teta yabaye intangarugero muri bagenzi be. Ubu ni umwana ugira abandi inama akabatoza kumvira ababyeyi n'abarimu.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit <https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/>. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at <https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/>." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

